# ISOBANURAMPAMVU RYO KWIGIRA MUZIKA HANZE NA MBERE YO KURANGIZA AMASHURI YISUMBUYE

## 1. INTANGIRIRO

Muzika ni ubugeni bw'ingirakamaro , irigisha, ishyigikira cyane umuco, yatunga umuntu, iraruhura, ifasha mu ivura ry'indwara zimwe zo mu mutwe, izo kutavuga no kutumva, ikanagusha neza. Ibi byose birerekana uruhare rwayo mu burere bwuzuye.

Ni impano ariko kimwe n'izindi ishaka gufatwa neza, ikongerwa kandi hakiri kare, kuko ubushobozi umuntu muto agira mu kwiga iby'ubugeni buruta rwose ubw'ukuze, kuko amurusha kuzimbukirwa no gushobora guhindura imyitwarire.

## 2. INDAMBURANGINGO

### 2.1. ISHAMI RYA NGOMBWA TUDAFITE MU MASHURI

Muzika mu mashuri ntiremereye uko bikwiriye : usanga nta barimu bayishoboye, henshi ntiyigishwa na gato, aho bagerageza na ho ntibarenze inshoza z'ifatizo nkeya.

Nyamara ahandi bateje imbere uburere nyabugeni, barayigisha kuva mu ntango kugeza mu rwego rwa Kaminuza.

Birumvikana ko abanyeshuri baba bafite iyo mpano ino badindira, bamwe bakagorwa n'inyigisho zindi, ukagira ngo nta cyo bashoboye, kandi wenda bari kuzavamo abahanga b'ibyamamare, nk'uko tubyumva ahandi.

### 2.2. NI BYIZA KWIGA MUZIKA KARE KANDI UKAYIGENERA UMWANYA UHAGIJE

Nk'uko tubisoma mu nyandiko zinyuranye, amashuri ya muzika ashyira imbere abakiri bato, bityo akagira ibyo aborohereza, nko kwiyandikisha n'ibikoresho. Byaragaragaye ko abakiri bato, bamenya nko gucuranga vuba cyane babikunze, kandi amatsiko yabo menshi akabahozamo inyota yo kugumya kwiga. Uko rero utinda kuyiga, ni na ko uba wibuza kuzayicukumbura! Ngo hejuru y'imyaka 14, uba warakererewe. Imana ni uko nkanjye nasogongeyeho bakaba bambwira ko hari aho ngeze.

Muzika iyo utayihaye igihe gishyitse iribagirana cyangwa igasubira inyuma : ishaka imyitozo myinshi n'ubushakashatsi. Hari abahanga bakoze ino babihamya kuko babyiboneyeho. Ibi porogaramu z'inyigisho zisumbuye zacu ntizibigenera umwanya, cyane cyane mu cyiciro cya kabiri, kuko amasaha yose aharirwa iby'ishami.

### 2.3. MUZIKA YUGURURIRA UBUNDI BUMENYI

Hari izindi nyigisho zisaniranye na Muzika nk'ubuvanganzo bw'ijambo, indimi na siyansi z'ubwumvane, iyigamyifatire, ikinamico n'isesekaza.

Kandi kubera ko Muzika itanga icyizere n'ubwisanzure, yanatuma umuntu yitahuramo ubundi bushobozi, laboratwari zayo zabugenewe zikamusobanurira imwe mu mitwe ya Siyansi n'Ikoranabuhanga. Nta wavuga rero ko uwiga Muzika abishaka igihe kimubana kinshi cyane, kandi biragaragara ko mu mashuri nyayo ya muzika hatangwa urusobe rw'ubumenyi n'iwacu aha dukeneye.

## 3. UMWANZURO

Ndacyari muto kandi ndumva impano ya muzika nyifite kuko ubu mpimba nkanacuranga : Leta imfashije nazayibyaza byinshi, ngatanga umusanzu mu bugeni, mpereye ku rubyiruko kandi ntagombye gutegereza uwampa akazi, kuko nakishakira.

Muzika yuzuyemo ubumenyi, ubumenyingiro n'ubukesha byashyigikira kwanga umugayo, gukunda igihugu no kugiteza imbere nanone.

Kigali, ku wa 02 Gicurasi 2002

MIHIGO KIZITO
Umunyeshuri wo mu Rwunge
rw'Amashuri rwa Mutagatifu Andereya.